DVÉNC

Dakeka nwose ko aip' barunwa atali' ngombwa bazabizi' bihayi'ji

9/5/75

10/5/75

/KA.J./M.D./

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le .........................................

No /15.07

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B. P. 1044 KIGALI

Réf. N° :

Annexe :

Objet :

Bwana Prefe wa Prefegitura (Bose)

.................................

Bwana Prefe,

Nkulikije intego y'uyu mwaka w' 1985 witiliwe "umwaka w'urubyiruko kw'isi hose" kandi mu gihugu cyacu ibibazo urubyiruko ruhura nabyo bikaba ali byinshi, ndabasaba ko mwafatanya n'abayobozi b'urubyiruko muli Prefegitura mushinzwe, mugashakira hamwe icyatuma urubyiruko rw'u Rwanda rwitabwaho kurushaho.

Bityo kandi abayobozi b'urubyiruko bakumva ko batatereranywe, ahubwo ko bashyigikiwe mu kazi kabo.

Mbaye mbashimiye umurava mudahwema kugaragaza mushakira icyateza urubyiruko imbere.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini KIGALI.
- Bwana Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko na za Koperative (Bose)
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura (Bose)

KARAGIRE

P.L. dans le sens de vos avis du 25/3/85.–

DIVENC

Le PL est en annexe.

le 18.4.85

Kabura

FICHE DE TRANSMISSION

Au Directeur général Jeunesse

Pour suite à donner

Pour approbation XX

Pour signature

Pourrions-nous en parler ?

Venir me voir

Comme convenu

Suite à votre demande XX

Noter et retourner

Pour information

A classer

Commentaires

Date : 4/4/85

De : Dwench

/MA.J./M.D./

Inyandiko-mvugo y'inama yahuje Prefe wa Prefegitura ya KIGALI n'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino, Abakuru b'Ibigo by'amahuguliro y'urubyiruko n'abahagaraliye za Muvoma z'urubyiruko muli Prefegitura ya KIGALI.

=-=-=-=-=-=-=-=-=

Kuwa 8 Gashyantare 1985 saa ine, kuli Prefegitura KIGALI habereye inama yayobowe na Prefe wa Prefegitura Militant HABARUSHAKA Claudien.

Iyo nama yagombaga gusuzuma ibibazo by'urubyiruko no kureba aho imyiteguro yo kwizihiza uyu mwaka w'urubyiruko ku isi hose igeze.
Prefe yabwiye ba Encadreurs b'urubyiruko n'imikino muli Komini za KIGALI ko alibo bafite uruhare runini mu itegurwa no mu izihizwa ly'uyu mwaka, asaba abali mu nama kuvuga batishisha ibibazo bahura nabyo mu kazi kabo ko kwita k'urubyiruko, abasaba kuzamwohereza vuba umubare w'urubyiruko ruli mu makomini bashinzwe.
Prefe yifuje ko urubyiruko rwakwitabira ali rwinshi amarushanwa yose azaba muli uyu mwaka, ibyo bakabifashwamo n'abayobozi babo.
Abali mu nama bavuze ibibazo bahura nabyo mu kazi kabo, muli ibyo halimo:
- Kudahemberwa igihe kwa ba Encadreurs bamwe bigatuma bacika intege.
- Abaturage barengera imilima y'urubyiruko
- Kubura imilima ihagije kuli bamwe.

Muli iyo nama, bashoboye kandi no kubarura umubare w'amashyirahamwe yiyandikishije mu irushanwa.
Ba encadreurs b'amakomini RUBUNGO, KANOMBE, GIKORO, BICUMBI basabwe kwita cyane kugishanga cya RUGENDE. RUMIRABAHASHYI kuko kizakira urubyiruko rwinshi.

Inama yahuje abayobozi ba Prefegitura n'abashinzwe urubyiruko muli KIGALI yabaye ingirakamaro kuko yitaye cyane ku bibazo b urubyiruko n'abaruyobora bahura nabyo kandi bakagerageza kubishakira umuti.
Inama nk'izo zireba iby'urubyiruko zali zikwiye kuba kenshi ndetse no mu yandi ma Prefegitura kuko zituma ba Encadreurs ba Komini n'abandi bashinzwe urubyiruko bahora bali maso ntibirare, ahubwo bagashishikalira guteza ibikorwa by'urubyiruko imbere.

Avis

Igitekerezo cya KARAGIRE gikwiye gushyigikirwa, Baperefe bandi nabo bakajya bayobora inama nk'izi. Abayobozi b'Urubyiruko bakumva ko nabo bashyigikiwe mu kazi kabo.
DIVENC 4/4/85 DIVENC.

Le 25/03/1985
KARAGIRE Joseph.

urgent

D. 6.1.

J'ai tiré des documents les éléments qui me sont utiles

Deiglas
5/3/85

Vu 7/3/85 Duvernoy

REPUBULIKA Y'u RWANDA
PREFEGITURA KIGALI
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
NA ZA KOPERATIVE.

Kigali, le 19/2/1985
Nº 25/15.04/09

Visa 22/2/85 Dorlbanif. p.i. pour Divénc

A traiter par ...... DCJ
Date entrée : 20/2/85
Nº Classement : 1824/D.04

Impamvu: Inyandiko-Mvugo.

Bwana Prefe wa Prefegitura
KIGALI.-

Bwana Prefe,

Mbandikiye ngirango mbagezeho inyandiko-mvugo y'Inama yo kuwa 8 Gashyantare 85 mwifunguliye ubwanyu, ikaba yarahujye b'Encadreur b'Urubyiruko, ba Dierecteur b'ibigo by'Urubyiruko n'abashinzwe Muvoma z'Urubyiruko.

Mboneyeho gusaba abali bayilimo bose n'abategetsi b'inzego zose ko twakora iyo bwababaga kugirango uyu mwaka w'Urubyiruko uzarusheho gutungana hano muli Prefegitura Kigali.

Mbaye mbashimiye.

Umuyobozi w'Urubyiruko na za
Koperative
SENKWARE Célestin.-

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministre w'Urubyiruko na Gutsura za Koperative
  KIGALI.-
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura ......................(Bose)
- Bwana Bourgmestre wa Komini ......................(Bose)
- Bwana Abali mu Nama ......................(Bose)

Tukamenya abize ntibakomeze (Jeunesse descolarisée) n'abize (Jeunesse nom scolarisée) tukabigisha nibura kumenya gusoma, kubara no kwandika.

c) Icyo nasorezaho ni uko nkuko musanzwe mubizi, intego ya Prefegitura yacu ali ugutsinda. Kuzi ko umwaka ushize twegukanye buruundu igikombe cy'abakobwa mu mikino ngorora ngingo n'icy'abahungu tukaba tugitsindiye kabili, uyu mwaka rero nacyo ni ukugikukana nacyo burundu.

Iyo niyo ntego yacu nta shiti, niyo mpamvu mwese mugomba kugira umurava maze tukazaba ingenzi mu marushanwa yose azaba muli uyu mwaka w'urubyiruko ku isi yose.

Sinarangiza ntabanyeshaje ko ubwo tugiye kuzenguruka za Komini dukoresha amarushanwa y'amoko yose, ali mu mashyirahamwe y'Abahinzi borozi, ali nyo abanyabukolikoli, ali mu mikino yaba ngorora ngingo cyangwa gakondo n'ibindi byose bizakorwa uyu mwaka ko aliho muli mwe ibigwali bizagaragara.

Ibyo bigwali rero ntibikabe muli Kigali, ntitubishaka rwose ndetse abo bo bazahita basezererwa ku mulimo.

Milita Prefe yashoje ijambo rye yisegura ku bali mu nama ko kubera indi milimo imutegereje adashobora ubwe gukomezanya nabo, aliko ko umwe mu ba Su-Prefe ayimuhagaraliramo bityo akaza kumuzaho imyanzuro yayo. Yongera kubasaba kuvuga ibibazo batishisha, ali aho mu nama, ali n'ikindi gihe bazahura nabyo, abibutsa ko n'intego ya Kigali ali ugutsinda tukaba ingenzi maze abifuliza inama nziza.

Nyuma y'iryo jambo ateza rya Milita Prefe wa Prefegitura ya KIGALI, Milita SENKWARE Célestin, Encadreur w'Urubyiruko na za Koperative muli Kigali yakomeje inama maze abanza kubaza ba Encadreur ba za Komini ko babonye amabwiliza yerekeranye n'amarushanwa ateganijwe muli uyu mwaka w'Urubyiruko, maze bose bameza ko bayabonye uretse gusa abakuru b'ibigo bihugura Urubyiruko C.C.F.J, n'abahagaraliye Kuvoma z'Urubyiruko, maze abemerera kuzayabagezaho bidatinze.

I. IRUSHANWA RY'AMASHYIRAHAMWE Y'UBUBYIRUKO

(Ubuhinzi-Ubworozi n'Ubukolikoli)

Abali aho bamaze gusobanulirwa mu magambo make uko iryo rushanwa lizagenda ndetse bakamenyeshwa ko Ibigo by'Urubyiruko bikora imilimo y'Ubukolikoli bitazaza muli ili rushanwa ahubwo ko bizaza muli Exposition iteganijwe muli Kanama, aliko ko mu buhinzi bworozi bo bazamo, bahise bareba uko Amashyirahamwe yiyandikishije ateyo.

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 11.RUSHASHI | 5 | - | 1 | - | 6 | Ingorane zifite ngo n'imilima mito kandi zikaba zitangiye vuba muli 1983 |
| 12.TARE | 1 | - | 1 | 2 | 4 | Mulizo 2 zirahinga zikanorora. Nta raporo iraza. |
| 13.GIKOMERO | 1 | - | 1 | 1 | 3 | Raporo irahali |
| 14.RUTONGO | - | - | 2 | 4 | 6 | Nta raporo. Ayo 2 ngo ni ay'abakobwa bakora ubukolikoli naho 4 n'ayo ubuhinzi bworozi. |
| 15.GIKORO | 3 | - | 1 | - | 4 | Raporo irahali |

Ba Encadreur uwa NGENDA n'uwa Rubungo ntibabonetse muliyo nama kandi nta na raporo baroherezo nibure ngo umuntu abo yamenya amashyirahamwe bateguliye irushanwa. Ikindi twibajije ni kuli ba Encadreur batanze listi y'amashyirahamwe abili, gusa nk'uko nta yandi ashobora kuboneka muli Komini kandi hateganwa 3 azabona ishimo muli buli Komini. B'encadreur basabwe rwose gushaka andi bakongereho kugirango [illegible] umenyekane hose muli Komini. Gusa kuli Nyarugenge ho, impamvu ngo yabaye ko ayo bafite ali aya J.OC kandi amenshi J.O.C ifite adashobora kuza mu irushanwa nk'iryo kuko akora ibikorwa bidafatika urugero ni nk'Abakarani ngufu, n'aboza imodoka mu kinamba.

## Ku Bigo by'Urubyiruko

1. C.F.J. MAYANGE

Bashobora kujya mu irushanwa aliko bamaze kubona amabwiliza uko ateye, aliko basanze ibyo asaba batarabyiteguye bihagije babihakana.

2. C.F.J. KABARE

Bo biteguye kujya mu irushanwa ry'ubuhinzi aliko nabo basabye amabwiliza abyerekeye.

3. C.F.J. MASAKA

Nabo biteguye kuzalizamo mu byerekeye ubuhinzi-bworozi ndetse no muli Kanama bakajya muli exposition kandi bo ngo n'amabwiliza barayabonye bayahawe n'encadreur wa Komini.

4. Ikigo cy'urubyiruko Butamwa.

Nabo bemeye kujya mu irushanwa ry'ubuhinzi-bworozi. Gusa umukuru wicyo kigo yababajwe nuko amabwilizwa yaje avugako ali amashyirahamwe azaza mu irushanwa kandi bo bafite urubyiruko rwinshi rwarangije muli icyo kigo rukaba rukora ku giti cy'arwo iwabo bikaba bigenda neza kurusha uko amashyirahamwe akora muli Komini. Yatanze urugero ku bworozi avugako amashyirahamwe yubwo bwoko atajya akunda gushoboka.

.../.

III.1. Imikino ngorora-mubili

Ni yo mikino dukunze kubamo abo mbere, ubu rero tugomba gukora iyo bwabaga kuko nonaho tuzahura n'urubyiruko rw'ibyiciro byose halimo ndetse n'abasilikare n'abanyeshuli.

- Hagomba rero imyitozo ihagije kandi ihambaye, mukajya mugerageza no gusimbuza abakinnyi bashaje abakili bato. Mu ijonjora lya Komini amasegitori yose agomba kuba ahali kugirango haboneke abakinnyi benshi.
- Ikindi n'uko buli Komini igomba kugira umuntu uyihagararira akaba mu rwego rwa Prefegitura.
- Ku mikino twali dusanganywe, haziyongeraho ikulikira:

| ABAKOBWA | ABAHUNGU |
|---|---|
| Disque | Disque |
| Javelot-Poids | Poids |
| Saut en longueur na | Saut en longueur |
| saut en hauteur | Triple saut |
| Courses 100m, 200m, 5000m na 10000m | Saut à la perche |
| Course relais | Course relais |
| | " 100m, 200m, na 10000m |

Iyo mikino nk'uko rero twali dusanzwe tutayikora, b'encadreur mugomba kuyishakira abantu babishoboye kandi bagahabwa imyitozo ihagije. Mukore rero iyo bwabaga mushakishe abakinnyi hose mu byaro kuko kubabura biterwa no kutabibamenyesha.

Ili rushanwa ku rwego rwa Prefegitura lizaba mu kwa gatanu 1985, ubwo rero listi y'abakinnyi bazahagararira Komini mu rwego rwa Prefegitura igomba kuba yageze ku muyobozi w'urubyiruko muli Prefegitura bitarenze taliki 21/4/85. Naho ku myitozo, utaratangira amarushanwa muli segiteri ubu yarakererewe ni ugushyiraho akete.

Dore uko twasanze Bicumbi yonyine aliyo yatangiye imyitegura mu rwego rw'imikino ngorora-mubili. Kuli iyi mikino naho Milita S/Prefe wali uhagaraliye Prefe muli iyo nama yibajije impamvu abakinnyi usanga akenshi baturuka mu karere kamwe ati: ese mu tundi turere nta basore cyangwa inkumi babayo, Niba se encadreur yarahuye n'ibibazo kuki atabivuga? Akomeza ababaza ko batagomba iteka gutegereza ko havugwa irushanwa ngo abantu babone gutangira kwitoza, ati ibyo rero sibyo mugomba guhora mwitoza kuko iyo umukinnyi adakomeje imyitozo arabyibagirwa.

- KANZENZE
- KANOMBE
- BICUMBI
- RUSHASHI
- TARE
- GIKOMERO
- GIKORO
- J.O.C

Naho Ngenda ntitwamenya ibyazo kuko nta raporo ntibaje no mu nama. Nyarugenge nayo ngo ibifite muli Programu zihutirwa kandi encadreur w'iyo Komini yabonyeyeho no gusaba amabwiliza yerekeranye n'iryo jonjora (tournoi) arabyemererwa. Bose rero bongeye gusabwa kubyitaho bagashaka amakipe ashobotse, bakayatoza bihagije ndetse hakaba bakora n'imikino ya gicuti n'andi ma Komini yaba aya KIGALI cyangwa ay'ahandi.

IV. KUBARURA URUBYIRUKO

Iki kibazo ntitwagitinzeho kuko mu ntangiliro na Milita Prefe wa Prefegitura ya KIGALI yali yabibasabye. B'encadreurs bongeye gusabwa gukulikirana iryo barura lyihutirwa.

V. IBINDI.

1. Mu bindi bibazo ba encadreurs bamenyeshejwe ko hali za Kalendari nziza cyane, zakozwe na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, izohererezwa Prefe kugirango zizagezwe kuli ba Encadreurs ba Komini bazigulishe, kugirango aliko zishobore gukwira hose, zizajya zigulishwa mako 30Fr gusa bityo rero buli encadreur ahabwa 20 n'indi imwe itazagulishwa yo gushyira mu biro bye.

2. B'encadreurs ba Komini RUBUNGO-KANOMBE-GIKORO-BICUMBI bongeye gusabwa kwita ku gishanga cya RUGENDE-RUMIRADAHASHYI akaba aliho bibera batangizamo amashyirahamwe y'urubyiruko. Prezida w'inama yabonyeyeho kubabaza aho itangwa lya parcelle ligeze, abasaba kubikorana ubwitonzi basaba urubyiruko kutononera abaturage ku myaka yaho itarasarurwa. Yanabamenyesheje ko umuganda wo gushyigikira urubyiruko aliho uzakorwa taliki ya 9/2/1985 ku isumo muli Komini GIKORO.

3. Yibukije ibaruwa y. n° 15/15.04/09 yo kuwa 4 Gashyantare 1985 ivuga amashyirahamwe y'abali n'abategarugoli ko igomba gusubizwa bidatinze.

Inama yarangiye saa saba n'igice (13h30').

Umwanditsi w'Inama:
SEYANZE Dominique.-

Umuyobozi w'Inama:
SENKWARE Célestin
Umuyobozi w'Urubyiruko
na za Koperative KIGALI.-

ABASIBYE NTA MPAMVU:

| | | |
|---|---|---|
| KAYOMBYA Gérard | Encadreur w'Urubyiruko na za Koperative | RUTUNGO |
| HABINSHUTI Gabriel | Encadreur w'Urubyiruko | NGENDA |
| | Diregiteri w'Ikigo cy'Urubyiruko | GACULIRO |
| | Diregiteri w'Ikigo cy'Urubyiruko | GAHANGA |

ABASIBYE KUBERA IMPAMVU:

| | | |
|---|---|---|
| BAZATSINDA Emmanuel | Encadreur w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura | KANAZI |